

ITEGEKO N° 20/2013 RYO KUWA 25/03/2013
RIGENGA ISHYIRWAHO RY'IBIGEGA
BY'UBWIZERANE N'ABACUNGA
IBY'ABANDI B'UMWUGA

LAW N°20/2013 OF 25/03/2013
REGULATING THE CREATION OF
TRUSTS AND TRUSTEES

LOI N°20/2013 DU 25/03/2013 PORTANT
REGLEMENTATION DE LA CREATION
DES FIDUCIES ET DES
FIDEICOMMISSAIRES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Article 3: Scope of this Law

Article 3: Champ d'application de la présente loi

Ingingo ya 4: Ibisabwa ucunga ibigega
by'ubwizerane

Article 4: Requirements of a fiduciary of a trust

Article 4: Conditions requises pour être fidéicommissaire

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO
RY'IBIGEGA BY'UBWIZERANE

CHAPTER II: CREATION OF TRUSTS

CHAPITRE II: CREATION DES FIDUCIES

Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'ibigega
by'ubwizerane

Article 5: Creation of trusts

Article 5: Création des fiducies

Ingingo ya 6: Iyandikisha ry'ibigega
by'ubwizerane

Article 6: Registration of trusts

Article 6: Enregistrement des fiducies

Ingingo ya 7: Itangwa ry'uruhushya

Article 7: Granting of a license

Article 7: Octroi d'une licence

Ingingo ya 8: Iseswa ry'ikigega cy'ubwizerane

Article 8: Dissolution of a trust

Article 8: Dissolution d'une fiducie

UMUTWE WA III: ISHORAMARI

Ingingo ya 9: Ububasha bwo gushora imari

Ingingo ya 10: Ibigenderwaho mu gushora imari

Ingingo ya 11: Gusaba inama

Ingingo ya 12: Ishoramari ryemewe

Ingingo ya 13: Ububasha bwo kugumana uburenganzira ku ishoramari

Ingingo ya 14: Imyenda n'ishoramari by'abacunga iby'abandi b'umwuga bidafatwa nk'ikosa

Ingingo ya 15: Uburyozwe mu gihe cy'igihombo gitewe n'ishoramari ridakwiye

Ingingo ya 16: Ububasha bwo kubitsa amafaranga muri banki no kwishyura amafaranga y'ihamagarira kugura imigabane

Ingingo ya 17: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo kugurisha no kugura mu cyamunara

Ingingo ya 18: Ububasha bwo kugurisha umutungo habayeho igabanuka ry'agaciro kawo

Ingingo ya 19: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo gutanga inyemezabwishyu

CHAPTER III: INVESTMENTS

Article 9: Powers of investment

Article 10: Investment criteria

Article 11: Seeking advice

Article 12: Authorized investments

Article 13: Powers to retain investment

Article 14: Loans and investments by trustees not considered as a fault

Article 15: Liability for loss due to improper investment

Article 16: Powers to bank money and to pay expenses related to public offer for subscription

Article 17: Power of a trustee to sell and buy by auction

Article 18: Powers to sell a property in case of depreciation of value

Article 19: Powers of a trustee to issue receipts

CHAPITRE III: INVESTISSEMENTS

Article 9: Pouvoir d'investissement

Article 10: Critères d'investissement

Article 11: Demander des conseils

Article 12: Investissements autorisés

Article 13: Pouvoir de conserver l'investissement

Article 14: Prêts et investissements des fidéicommissaires qui ne sont pas considérés comme une faute

Article 15: Responsabilité en cas de perte résultant d'un investissement inapproprié

Article 16: Pouvoir d'effectuer les dépôts d'argent en banque et de payer des frais liés à l'appel public de fonds

Article 17: Pouvoir d'un fidéicommissaire de vendre et d'acheter aux enchères

Article 18: Pouvoir de vente des biens en cas de dépréciation de leur valeur

Article 19: Pouvoir du fidéicommissaire d'émettre des récépissés

<u>Ingingo ya 20:</u> Ububasha bwo gukusanya imyenda yishyurwa n'iyishyuzwa	<u>Article 20:</u> Powers to deal with debtors and creditors	<u>Article 20:</u> Pouvoir de collecter les dettes et les créances
<u>Ingingo ya 21:</u> Ububasha bwo gukusanya amafaranga	<u>Article 21:</u> Powers to raise money	<u>Article 21:</u> Pouvoir de collecter de l'argent
<u>Ingingo ya 22:</u> Kurinda abaguzi n'abahawe ingwate bagirana amasezerano n'abacunga iby'abandi b'umwuga	<u>Article 22:</u> Protection of purchasers and preferential creditors dealing with trustees	<u>Article 22:</u> Protection des acheteurs et des créanciers privilégiés traitant avec les fidéicommissaires
<u>Ingingo ya 23:</u> Itangwa ry'ububasha	<u>Article 23:</u> Devolution of powers	<u>Article 23:</u> Dévolution des pouvoirs
<u>UMUTWE WA IV: UBUBASHA BW'ABACUNGA IBY'ABANDI B'UMWUGA</u>	<u>CHAPTER IV: POWERS OF TRUSTEES</u>	<u>CHAPITRE IV: POUVOIRS DES FIDEICOMMISSAIRES</u>
<u>Ingingo ya 24:</u> Ububasha bwo gufata ubwishingizi	<u>Article 24:</u> Powers to subscribe insurance	<u>Article 24:</u> Pouvoir de souscrire à une assurance
<u>Ingingo ya 25:</u> Inyungu zisubizwa, ibara n'igenzuramutungo	<u>Article 25:</u> Reversionary interests, valuations and audit	<u>Article 25:</u> Intérêts réversibles, évaluations et audit
<u>Ingingo ya 26:</u> Ububasha bwo gukorana n'abandi	<u>Article 26:</u> Powers to cooperate with others	<u>Article 26:</u> Pouvoir de collaborer avec les autres
<u>Ingingo ya 27:</u> Ububasha bwo guhererekanya uburenganzira bw'ucunga iby'abandi w'umwuga uri mu mahanga	<u>Article 27:</u> Delegate of powers during the stay abroad	<u>Article 27:</u> Pouvoir de déléguer les droits fiduciaires pendant le séjour à l'étranger
<u>Ingingo ya 28:</u> Ububasha bw'isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga bwo gufatanya n'abandi bakora uwo mwuga	<u>Article 28:</u> Power for a trust corporation to act jointly with other trustees	<u>Article 28:</u> Pouvoir pour une société de fiducie d'agir conjointement avec d'autres fidéicommissaires
<u>Ingingo ya 29:</u> Kurindwa biturutse ku imenyekanisha	<u>Article 29:</u> Protection in regard to notice	<u>Article 29:</u> Protection contre une notification

<u>Ingingo ya 30:</u> Uburyozwe bw'abacunga iby'abandi b'umwuga	<u>Article 30:</u> Liability for the trustees	<u>Article 30:</u> Responsabilité des fidéicommissaires
<u>Ingingo ya 31:</u> Ububasha bwo gukoresha umutungo w'umuntu utarageza imyaka y'ubukure no kuwukoresha mu ishoramari	<u>Article 31:</u> Powers to use and invest the property of an infant	<u>Article 31:</u> Pouvoir d'utiliser et d'investir les biens d'un mineur
<u>Ingingo ya 32:</u> Ububasha bwo gukoresha umutungo w'ikigega	<u>Article 32:</u> Powers to use the trust property	<u>Article 32:</u> Pouvoir d'utiliser les biens de la fiducie
<u>Ingingo ya 33:</u> Ikigega cyihariye kirinda umutungo	<u>Article 33:</u> Specific protective trust fund of assets	<u>Article 33:</u> Fiducie spécifique de protection d'actifs
<u>Ingingo ya 34:</u> Uburyo abacunga iby'abandi b'umwuga bashyirwaho bakanakurwaho	<u>Article 34:</u> Modalities of appointment and removal of trustees	<u>Article 34:</u> Modalités de nomination et de révocation des fidéicommissaires
<u>Ingingo ya 35:</u> Kongera abacunga iby'abandi b'umwuga	<u>Article 35:</u> Appointment of additional trustees	<u>Article 35:</u> Nomination de fidéicommissaires supplémentaires
<u>Ingingo ya 36:</u> Ihagarika ry'akazi k'ucunga iby'abandi w'umwuga	<u>Article 36:</u> Suspension of duties by a trustee	<u>Article 36:</u> Suspension de fonctions d'un fidéicommissaire
<u>UMUTWE WA V:</u> UBUBASHA BW'URUKIKO	<u>CHAPTER V:</u> COMPETENCE OF COURT	<u>CHAPITRE V:</u> COMPETENCE JURIDICTIONNELLE
<u>Ingingo ya 37:</u> Ububasha bw'urukiko bwo gushyiraho abacunga iby'abandi b'umwuga bashya	<u>Article 37:</u> Competence of the court to appoint new trustees	<u>Article 37:</u> Compétence de la juridiction de nommer de nouveaux fidéicommissaires
<u>Ingingo ya 38:</u> Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga mushya ushyizweho n'urukiko	<u>Article 38:</u> Powers of a new trustee appointed by the court	<u>Article 38:</u> Pouvoirs d'un nouveau fidéicommissaire nommé par la juridiction
<u>Ingingo ya 39:</u> Gusimbura ucunga iby'abandi w'umwuga washyizweho n'urukiko	<u>Article 39:</u> Replacement of a trustee appointed by the court	<u>Article 39:</u> Remplacement d'un fidéicommissaire nommé par la juridiction

<u>Ingingo ya 40:</u> Ububasha ku mutungo w'ibigega byashyiriweho inshingano zihariye	<u>Article 40:</u> Powers on the trusts assets for specified purposes	<u>Article 40:</u> Pouvoirs sur les biens des fiducies ayant des objectifs spécifiques
<u>Ingingo ya 41:</u> Ububasha bw'urukiko bwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha umutungo w'ikigega mu bucuruzi	<u>Article 41:</u> Powers of the court to authorize the use of the trust property for commercial purposes	<u>Article 41:</u> Pouvoir de la juridiction d'autoriser l'usage des biens de la fiducie à des fins commerciales
<u>Ingingo ya 42:</u> Abafite uburenganzira bwo kwiyambaza urukiko	<u>Article 42:</u> Persons entitled to refer matters to the court	<u>Article 42:</u> Personnes ayant le droit de recourir à la juridiction
<u>Ingingo ya 43:</u> Ububasha bwo gukura ibyatanzwe mu mutungo w'ikigega	<u>Article 43:</u> Powers to charge costs on the trust property	<u>Article 43:</u> Pouvoir de prélever des frais sur les biens de la fiducie
UMUTWE WA VI: ABAKOZI, ABAHAGARARIYE ABANDI N'ABABITSI B'UMUTUNGO	CHAPTER VI: EMPLOYEE, NOMINEES, AGENTS AND CUSTODIANS	CHAPITRE VI: EMPLOYE, REPRESENTANTS ET DEPOSITAIRES
<u>Ingingo ya 44:</u> Ububasha bwo gukoresha abakozi	<u>Article 44:</u> Powers to employ an employee	<u>Article 44:</u> Pouvoir d'employer les employés
<u>Ingingo ya 45:</u> Ububasha bwo gushyiraho uhagarariye abandi	<u>Article 45:</u> Powers to appoint an agent	<u>Article 45:</u> Pouvoir de nommer un représentant
<u>Ingingo ya 46:</u> Ububasha bwo gushyiraho ababitsi b'umutungo	<u>Article 46:</u> Powers to appoint custodians	<u>Article 46:</u> Pouvoir de nommer les dépositaires
<u>Ingingo ya 47:</u> Ishoramari mu nyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zishyurwa uzitwaje	<u>Article 47:</u> Investment in bearer stocks	<u>Article 47:</u> Investissement dans les titres au porteur
<u>Ingingo ya 48:</u> Abantu bashobora gushyirwaho nk'abahagarariye abandi cyangwa ababitsi b'umutungo	<u>Article 48:</u> Persons who may be appointed as agents or custodians	<u>Article 48:</u> Personnes pouvant être nommées comme représentants ou dépositaires
<u>Ingingo ya 49:</u> Gukurikirana abakozi,	<u>Article 49:</u> Monitoring of employees, agents	<u>Article 49:</u> Faire le suivi des mandataires, des

abahagarariye abandi n'ababitsi b'umutungo

and custodians

représentants et des dépositaires

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 50: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 50: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 50: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 51: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 51: Repealing provision

Article 51: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 52: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 52: Commencement

Article 52: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 20/2013 RYO KUWA 25/03/2013
RIGENGA ISHYIRWAHO RY'IBIGEGA
BY'UBWIZERANE N'ABACUNGA
IBY'ABANDI B'UMWUGA**

**LAW N°20/2013 OF 25/03/2013
REGULATING THE CREATION OF
TRUSTS AND TRUSTEES**

**LOI N°20/2013 DU 25/03/2013 PORTANT
REGLEMENTATION DE LA CREATION
DES FIDUCIES ET DES
FIDEICOMMISSAIRES**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa
21 Ukuboza 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 21
December 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 21
décembre 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo; iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya
93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94,
108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du
04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93,
94, 108 et 201;

Ishingiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo kuwa
27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi,
nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27/04/2009
relating to companies as modified and
complemented to date;

Vu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux
sociétés commerciales telle que modifiée et
complétée à ce jour;

Ishingiye ku Itegeko n° 12/2009 ryo kuwa

Pursuant to Law n° 12/2009 of 26/05/2009

Vu la Loi n° 12/2009 du 26/05/2009 relative au

Official Gazette n° 25 of 24/06/2013

26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo;	relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency;	redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité;
Ishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;	Pursuant to Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda;	Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda;
Ishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo kuwa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe mu Rwanda;	Pursuant to Law n° 40/2011 of 20/09/2011 regulating Collective Investment Schemes in Rwanda;	Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des Fonds d'Investissements Collectifs au Rwanda;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rigenga ishyirwaho ry'ibigega by'ubwizerane n'abacunga iby'abandi b'umwuga, ibikorwa byabo n'ibigenderwaho mu micungire yabyo mu Rwanda.

This Law regulates the creation of trusts and trustees, their activities and requirements for their management in Rwanda.

La présente loi porte réglementation de la création des fiducies et des fidéicommissaires, de leurs activités et des conditions de leur gestion au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meaning:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **Ikigega cy'ubwizerane:** ikigega gishyirwaho mu bwizerane bikozwe mu nyandiko n'umuntu runaka, cyangwa uwashinzwe kurangiza ishingano runaka, bigakorwa hakurwa umutungo kuri

1° **trust:** a fund created in writing as a result of mutual undertaking by any person or a person obliged to fulfill any obligation where the property owner transfers his/her property to a trustee for

1° **fiducie:** un fonds créé sur base de la confiance mutuelle et par écrit par une personne quelconque ou une personne tenue au respect d'une quelconque obligation, auquel cas les biens sont

- nyirawo ugashyirwa mu maboko y'ucunga iby'abandi w'umwuga mu nyungu z'uwo wagenewe cyangwa abo wagenewe mu gihe runaka cyangwa ku mpamvu runaka. Ucuha iby'abandi w'umwuga agomba gucuha uwo mutungo neza ashingiye ku nyandiko y'ubwizerane yagiranye na nyir'imutungo;
- the benefit of the beneficiary or beneficiaries for a specified period or a specific purpose. The trustee must properly manage such property in accordance with the trust instrument concluded with the property owner;
- transférés de leur propriétaire à un fidéicommissaire au profit d'un bénéficiaire ou des bénéficiaires pour un temps précis ou à une fin déterminée. Le fidéicommissaire doit assurer une bonne gestion de ces biens conformément à l'acte de fiducie conclu avec le propriétaire du patrimoine;
- 2° **inama ikwiye:** inama itanzwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga ufite ubuhanga n'uburambe mu bijyanye n'imari n'ibindi bibazo byerekeranye n'ishoramari riteganyijwe;
- 2° **good advice:** a piece of advice given by a trustee with skills and experience in financial and other matters relating to the proposed investment;
- 2° **bon conseil:** un conseil donné par un fidéicommissaire doté des compétences et d'une expérience en matière des questions financières et autres liées à l'investissement proposé;
- 3° **inyandiko y'ubwizerane:** amasezerano yanditse cyangwa icyemezo cy'urukiko bishyiraho ikigega cy'ubwizerane;
- 3° **trust instrument:** a written agreement or court's order creating a trust;
- 3° **acte de fiducie:** un accord écrit ou une ordonnance de la juridiction créant une fiducie;
- 4° **isosiyete y'abacunga iby'abandi y'umwuga:** isosiyete ishyirwaho n'ubuyobozi bwemewe cyangwa isosiyete yemejwe n'urukiko ngo ikore imirimo y'ucunga iby'abandi w'umwuga;
- 4° **trust corporation:** a corporation appointed by the competent authority or by a court to act as a trustee;
- 4° **société de fiducie:** une société désignée par l'autorité compétente ou par une juridiction pour agir en qualité de fidéicommissaire;
- 5° **ubifitemo inyungu:** umuntu cyangwa abantu bafite uburenganzira ku nyungu y'ikigega cy'ubwizerane;
- 5° **beneficiary:** a person or persons entitled to the benefit of a trust;
- 5° **bénéficiaire:** une personne ou des personnes ayant droit à un avantage qui découle d'une fiducie;
- 6° **ucunga iby'abandi w'umwuga:** umuntu uwo ari we wese cyangwa isosiyete yashyizweho hashingiwe ku mategeko, cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi cyashyizweho kugira ngo gicunge ikigega;
- 6° **trustee:** any person or a corporation established under the law or an entity having legal personality appointed to manage a trust and make follow up on its operation;
- 6° **fidéicommissaire:** tout individu ou une société établie en vertu de la loi ou une entité dotée de la personnalité juridique désignée pour gérer une fiducie et faire le suivi de son fonctionnement;

cy'ubwizerane no gukurikirana imikorere yacyo;

7° **uhagarariye umuntu:** ushinzwe kurangiza irage we ubwe, umuhagarariye, ucunga umutungo wa nyakwigendera w'irage, w'izungura nta rage cyangwa umucungamutungo washyizweho n'ubuyobozi;

8° **urukiko:** urukiko rw'ubucuruzi rwo mu Rwanda.

7° **agent:** an executor, his/her representative, the administrator of the estate succession, the administrator of the intestate succession or the administrator appointed by an authority;

8° **court:** a commercial court located in Rwanda.

7° **représentant:** un exécuteur testamentaire, son représentant, un administrateur de la succession testamentaire, un administrateur de la succession ab intestat ou un administrateur de biens nommé par une autorité;

8° **jurisdiction:** une juridiction de commerce basée au Rwanda.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba ibigega by'ubwizerane, abahawe inshingano yo kubicunga b'umwuga harimo n'abahawe uburenganzira bwo gusoza amasezerano y'ubwizerane uko yagenywe.

Ingingo ya 4: Ibisabwa ucunga ibigega by'ubwizerane

Uhabwa inshingano zo gucunga ibigega by'ubwizerane agomba kuba afite ubushishozi, uburambe n'ubumenyi muri uwo mwuga.

Article 3: Scope of this Law

This Law shall apply to trusts, trustees and enforcers of the trust.

Article 4: Requirements of a fiduciary of a trust

A person entrusted with the responsibility of acting as a trustee shall demonstrate diligence, experience and knowledge required to perform his/her trustee functions.

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique aux fiducies, aux fidéicommissaires et aux exécuteurs.

Article 4: Conditions requises pour être fidéicommissaire

Une personne qui se voit confier la responsabilité d'agir en tant que fidéicommissaire doit faire preuve de diligence, d'expérience et de connaissances requises pour remplir les fonctions de fidéicommissaire.

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'IBIGEKA BY'UBWIZERANE

CHAPTER II: CREATION OF TRUSTS

CHAPITRE II: CREATION DES FIDUCIES

Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'ibigeka by'ubwizerane

Article 5: Creation of trusts

Article 5: Création des fiducies

Ikigega cy'ubwizerane gishyirwaho ku bushake bw'abafitanye ubwizerane kandi bigakorwa mu nyandiko.

A trust shall be created voluntarily in writing by people having a mutual relationship.

Une fiducie est créée volontairement et par écrit par des personnes ayant entre elles un rapport de confiance mutuelle.

Mu gushyiraho ikigega cy'ubwizerane hubahirizwa ibi bikurikira:

The following conditions shall be met when creating a trust:

Pour créer une fiducie, les conditions suivantes doivent être remplies:

1° kuvangura umutungo w'ikigega n'uwabacunga iby'abandi b'umwuga;

1° separation of the trust property from trustees' property;

1° séparation des biens de la fiducie des biens des fidéicommissaires;

2° kwegurira umutungo w'ikigega abacunga iby'abandi b'umwuga bemeye iyo nshingano.

2° transfer of the trust property to the trustees who have agreed to take on such a responsibility.

2° transfert des biens de la fiducie aux fidéicommissaires ayant accepté d'assumer cette fonction.

Ikigega cy'ubwizerane gishobora gushyirirwaho kumara igihe kizwi cyangwa kitazwi.

A trust may be created for a limited or unlimited period of time.

Une fiducie peut être créée pour une durée déterminée ou indéterminée.

Ingingo ya 6: Iyandikisha ry'ibigeka by'ubwizerane

Article 6: Registration of trusts

Article 6: Enregistrement des fiducies

Inyandiko zose zishyiraho ikigega cy'ubwizerane mu bikorwa by'ubucuruzi zigomba kwandikishwa ku mwanditsi Mukuru w'amasosiyete y'ubucuruzi mu Rwanda, mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) y'akazi, uherye ku muni ucunga iby'abandi w'umwuga yemereyeho inshingano cyangwa, niba barenze umwe, uherye ku muni uwa nyuma yabyemereyeho.

All instruments of commercial trust shall be registered with the Registrar General of Companies in Rwanda within a period of thirty (30) working days from the date of the acceptance of the trustee commencement or if more than one trustee from the date of the last acceptance.

Tous les actes de fiducie commerciale doivent être enregistrés auprès du Registraire Général des Sociétés Commerciales au Rwanda dans un délai de trente (30) jours ouvrables à compter de la date d'acceptation par le fidéicommissaire de sa fonction ou, en cas de plus d'un fidéicommissaire, à compter de la date de la dernière acceptation.

Official Gazette n° 25 of 24/06/2013

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inzego zandika inyandiko zishyiraho ibigega by'ubwizerane mu bikorwa bitari iby'ubucuruzi.

Kutandikisha ikigega cy'ubwizerane mu gihe cyateganyijwe ntibigitesha agaciro, ariko ucunga iby'abandi w'umwuga aryozwa ingaruka zituruka ku kutandikishiriza ku gihe ikigega cy'ubwizerane.

Ingingo ya 7: Itangwa ry'uruhushya

Uruhushya rwo gukora kw'ikigega cy'ubwizerane rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha, hashingiwe ku bwoko bw'imirimo cyifuza gukora.

Ingingo ya 8: Iseswa ry'ikigega cy'ubwizerane

Ikigega cy'ubwizerane gishobora guseswa bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° iyo ababifitemo inyungu bose babyifuje kandi ikigega cyarageze ku nshingano;
- 2° iyo igihe cyateganyijwe mu nyandiko ishyiraho ikigega kigeze;
- 3° iyo ikigega cyananiwe kwishyura imyenda cyangwa kiri mu gihombo;
- 4° indi mpamvu ababifitemo inyungu basanga ari ngombwa.

A Prime Minister's Order shall determine organs responsible for registering instruments of non-commercial trusts.

Failure to register the trust within the prescribed time limit shall not entail the nullity of the trust but result in the trustee being liable for any consequence arising therefrom.

Article 7: Granting of a license

The operating license for a trust shall be granted by a competent authority depending on the type of services it shall be willing to perform.

Article 8: Dissolution of a trust

A trust may be dissolved on any of the following grounds:

- 1° if all beneficiaries so wish and that the trust has fulfilled its mission;
- 2° if the period of time stated in the trust instrument expires;
- 3° if the trust becomes insolvent or goes bankrupt;
- 4° any other ground as may be deemed necessary by the beneficiaries.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les organes chargés de l'enregistrement des actes de fiducies non commerciales.

Le non-enregistrement de la fiducie dans le délai prévu n'entraîne pas la nullité de la fiducie mais entraîne la responsabilité du fidéicommissaire au regard des conséquences qui en résultent.

Article 7 : Octroi d'une licence

La licence d'exploitation d'une fiducie est délivrée par l'organe compétent en tenant compte de la nature des services qu'elle entend rendre.

Article 8: Dissolution d'une fiducie

La dissolution d'une fiducie peut intervenir dans l'un des cas suivants:

- 1° si tous les bénéficiaires le souhaitent et que la fiducie a accompli sa mission;
- 2° si la durée indiquée dans l'acte de la fiducie arrive à échéance;
- 3° si la fiducie est devenue insolvable ou tombe en faillite;
- 4° tout autre motif que les bénéficiaires jugent nécessaire.

UMUTWE WA III: ISHORAMARI

Ingingo ya 9: Ububasha bwo gushora imari

Ucunga iby'abandi w'umwuga afite uburenganzira rusange bwo gushora imari ku mutungo w'ikigega cy'ubwizerane.

Icyakora, ubwo burenganzira ntibumuha ububasha bwo gushora imari mu bikorwa byerekeranye n'ubutaka keretse imyenda ifite ubugwate ku butaka bishingiye ku masezerano.

Ingingo ya 10: Ibigenderwaho mu gushora imari

Mu gushora imari, ibigenderwaho by'iremezo, ku byerekeye ikigega cy'ubwizerane, ni:

- 1° ishoramari riberanye n'ibikorwa by'ikigega;
- 2° ishoramari mu bikorwa bitandukanye bifitanye isano n'inshingano z'ikigega.

Ucunga iby'abandi w'umwuga agomba kwita ku bigenderwaho by'iremezo mu gushora imari kandi agomba buri gihe gukurikirana ishoramari ryakozwe n'ikigega akareba niba ibigenderwaho by'iremezo byahindurwa.

CHAPTER III: INVESTMENTS

Article 9: Powers of investment

A trustee shall have the general power to invest the trust property.

However, such power does not permit a trustee to make investments in land other than in loans secured on land.

Article 10: Investment criteria

When investing, the following investment standard criteria shall be based upon by a trust:

- 1° the adequacy of investment and trust activities;
- 2° the diversification of investments as is appropriate to the mission of the trust.

A trustee shall comply with investment standard criteria and from time to time review the investments by the trust and consider whether such standard criteria may be changed.

CHAPITRE III: INVESTISSEMENTS

Article 9: Pouvoir d'investissement

Un fidéicommissaire a le pouvoir général d'investir des biens de la fiducie.

Toutefois, ce pouvoir ne lui permet pas de réaliser des investissements fonciers sauf en cas de prêts avec garantie foncière.

Article 10: Critères d'investissement

Lors de l'investissement, des critères standards d'investissement qui doivent être tenus en compte, pour une fiducie, sont les suivants:

- 1° l'adéquation de l'investissement et des activités de la fiducie;
- 2° la diversification des investissements dans la mesure où ils sont conformes à la mission de la fiducie.

Un fidéicommissaire doit respecter des critères standards d'investissement et doit à tout moment revoir les investissements faits par la fiducie et vérifier si ces critères standards peuvent être modifiés.

Ingingo ya 11: Gusaba inama

Bitabangamiye uburenganzira bwe, ucunga iby'abandi w'umwuga, mbere yo gukoresha ububasha bwe bwo gushora imari, agomba kubanza gusaba inama zikwiye zerekeranye n'uburyo yakoresha ububasha bwe bwo gushora imari yitaye ku bigenderwaho by'iremezo mu gushora imari kandi akita kuri izo nama.

Ingingo ya 12: Ishoramari ryemewe

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora, ashingiye ku nyandiko y'ubwizerane, gushora amafaranga afite, yaba ari cyangwa atari mu ishoramari muri icyo gihe, ku buryo bukurikira:

- 1° mu nyandiko zose zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane Leta y'u Rwanda yishingiye, inyungu ziturukaho muri icyo gihe, cyangwa mu migabane nguzanyo yatanzwe hakurikijwe amategeko;
- 2° mu nyandiko zose zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zatanzwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere zashyizweho n'itegeko;
- 3° mu nyandiko zose zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, igiciro cyazo kiri ku rutonde rw'isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;
- 4° mu mashami cyangwa imigabane

Article 11: Seeking advice

Without prejudice to his/her rights, a trustee must before exercising his/her power of investment, seek appropriate advice as to the way in which, having regard to the investment standard criteria, such power should be exercised and should follow such advice.

Article 12: Authorized investments

A trustee may invest any trust funds in his/her hands, in accordance with the trust instrument, whether at the time in a state of investment or not, in the following manner:

- 1° in any stocks and securities guaranteed by the Government of Rwanda, interests thereon for that time or in any bonds issued according to the laws;
- 2° in any bonds issued by Kigali City or District Council established under the law;
- 3° in any stocks, the price of which is on the list of stocks;
- 4° in any units or shares of any collective

Article 11: Demander des conseils

Sans préjudice de ses droits, un fidéicommissaire doit, avant d'exercer son pouvoir d'investissement, demander des conseils appropriés sur la façon dont, compte tenu des critères standards d'investissement, ce pouvoir doit être exercé et doit suivre ces conseils.

Article 12: Investissements autorisés

Un fidéicommissaire peut, conformément à l'acte de fiducie, investir des fonds quelconques en fiducie mis à sa disposition de la manière suivante, que ces fonds soient ou non à l'époque considérée dans un état d'investissement:

- 1° dans des titres cotés sur le marché des capitaux et ceux avalisés par le Gouvernement du Rwanda, les intérêts y afférents pour cette période ou dans des obligations émises en vertu des lois;
- 2° dans tous les titres et valeurs émis par le Conseil de la Ville de Kigali ou du District établis en vertu de la loi;
- 3° dans tous les titres cotés sur le marché des capitaux et dont le prix figure sur la liste des titres cotés;
- 4° dans des unités ou des actions quelconques

y'ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe cyanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe cyangwa andi mategeko yo mu Rwanda;

investment scheme registered under the Law regulating collective investment schemes or other laws applicable in Rwanda;

d'un fonds d'investissement collectif enregistré conformément à la loi portant régulation des fonds d'investissement collectifs ou d'autres lois applicables au Rwanda;

5° mu migabane iyo ari yo yose y'isosiyete.

5° in any shares of a company.

5° dans des actions quelconques d'une société.

Ucunga iby'abandi w'umwuga afite ubwisanzure bwo guhitamo aho ashora imari, bitabangamiye ibiteganywa n'inyandiko ishyiraho ikigega.

A trustee shall have discretion to make any investment of his/her choice as long as he/she does not contravene the terms and conditions of the trust instrument.

Un fidéicommissaire a le pouvoir discrétionnaire de faire un choix d'investissement à condition qu'il se conforme aux dispositions de l'acte de fiducie.

Ingingo ya 13: Ububasha bwo kugumana uburenganzira ku ishoramari

Article 13: Power to retain the right to investment

Article 13: Pouvoir de conserver le droit sur l'investissement

Ucunga iby'abandi w'umwuga agumana uburenganzira ku ishoramari ryashowe, kabone n'ubwo ryaba ritagihuye n'inyandiko y'ubwizerane igenga ikigega cy'ishoramari cyangwa n'amategeko byashingiweho ishoramari rikorwa.

A trustee shall retain the right to any investment made even if that investment no longer fits within the trust instrument or laws applicable at the time of investment.

Un fidéicommissaire conserve le droit sur l'investissement même si celui-ci ne cadre plus avec l'acte de fiducie ou les lois qui avaient servi de base au moment de l'investissement.

Ingingo ya 14: Imyenda n'ishoramari by'abacunga iby'abandi b'umwuga bidafatwa nk'ikosa

Article 14: Loans and investments by trustees not considered as a fault

Article 14: Prêts et investissements des fidéicommissaires qui ne sont pas considérés comme une faute

Ucunga iby'abandi w'umwuga utanze umwenda w'amafaranga ahawe ingwate ntafatwa nk'uwakoze ikosa hagereranyijwe itandukaniro riri hagati y'amafaranga y'umwenda n'agaciro k'umutungo watanzweho ingwate mu gihe umwenda watangwaga.

A trustee who lends money upon guarantee shall not be considered as at fault by considering the difference between the amount of the loan and the value of the asset pledged at the time the loan was granted.

Un fidéicommissaire qui effectue un prêt d'argent moyennant garantie n'est pas considéré comme ayant commis une faute si l'on tient compte de la différence entre le montant du prêt et la valeur du bien donné en garantie au moment de l'octroi du prêt.

Ingingo ya 15: Uburyozwe mu gihe cy'igihombo gitewe n'ishoramari ridakwiye

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga atanze amafaranga y'ikigega mu buryo budakwiye mu bugwate ku mutungo utimukanwa kandi ayo mafaranga yashoboraga kuba igishoro gikwiye ku mubare w'amafaranga uri muni y'ayo yatanze, iyo ngwate ifatwa nk'ishoramari ryemewe kuri uwo mubare muto w'amafaranga, ucunga iby'abandi w'umwuga akaryozwa umubare w'amafaranga urengaho n'inyungu yayo.

Ingingo ya 16: Ububasha bwo kubitsa amafaranga muri banki no kwishyura amafaranga y'ihamagarira kugura imigabane

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora, mu gihe hariho imishyikirano n'itegurwa ry'ingwate ku mutungo utimukanwa cyangwa indi nyandiko itanga uburenganzira ku mutungo, kwishyura amafaranga y'ikigega muri banki kuri konti yo kubitsa, cyangwa ku yindi konti kandi inyungu zose, mu gihe zihari, zakwishyurwa kubera uko kubitsa zifatwa nk'ibyinjiye mu kigega.

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora gukoresha amafaranga y'imari shingiro y'ikigega mu kwishyura amafaranga y'ihamagarira kugura imigabane byakozwe n'icyo kigega.

Article 15: Liability for loss due to improper investment

Where a trustee improperly invests trust money upon a mortgage which would at the time of the investment be a proper investment in all respects for a smaller amount than is actually advanced thereon, the security shall be deemed an authorized investment for the smaller amount, and the trustee shall only be liable for the amount advanced in excess thereof, with interest.

Article 16: Powers to bank money and to pay expenses related to public offer for subscription

Pending the negotiation and preparation of any mortgage, or any other written agreement giving right to the property, a trustee may deposit any trust money into a bank to a saving account or other account and all interest, if any, payable in respect thereof, shall be applied as income.

A trustee may apply trust share capital in payment of expenses related to a public offer for subscription carried out by the same trust.

Article 15: Responsabilité en cas de perte résultant d'un investissement inapproprié

Lorsqu'un fidéicommissaire donne de manière inappropriée l'argent de la fiducie contre une hypothèque qui, au moment de l'investissement, constituerait à tous égards un investissement adéquat pour un montant moins important que celui qui est effectivement avancé en contrepartie de cette garantie, cet investissement est considéré comme autorisé à concurrence de ce montant moins important et le fidéicommissaire est tenu uniquement responsable pour le montant avancé en excédent de ce montant majoré des intérêts.

Article 16: Pouvoir d'effectuer les dépôts d'argent en banque et de payer des frais liés à l'appel public de fonds

En attendant la négociation et la préparation d'une hypothèque ou de tout autre document écrit attestant un droit sur les biens, un fidéicommissaire peut, déposer les fonds d'une fiducie dans une banque sur un compte de dépôt ou un autre compte et, tout intérêt y afférent, s'il y a lieu, est comptabilisé comme revenu.

Un fidéicommissaire peut utiliser le capital de la fiducie pour le paiement des appels publics de fonds effectués par la même fiducie.

Ingingo ya 17: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo kugurisha no kugura mu cyamunara

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga yahawe ububasha bwo kugurisha no kugura umutungo, ashobora kugurisha cyangwa gufatanya n'undi muntu kugurisha umutungo wose cyangwa igice cyawo, habanje kwishyurwa amafaranga asabwa, yaba umutungo wose hamwe cyangwa mu byiciro, yaba mu cyamunara cyangwa mu bwumvikane n'umuguzi, hakurikijwe n'ikindi cyose ucunga iby'abandi w'umwuga yabona ko gikwiye kirebana n'inyandiko mpamyamutungo cyangwa ikimenyetso. Afite n'ububasha bwo guhindura amasezerano yose y'ubuguzi, kugura mu cyamunara iyo ariyo yose, cyangwa gusesa amasezerano yose y'ubuguzi no kongera kugurisha atabazwa igihombo icyo aricyo cyose.

Ingingo ya 18: Ububasha bwo kugurisha umutungo habayeho igabanuka ry'agaciro kawo

Amasezerano y'ubuguzi yakozwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga ntateshwa agaciro n'uyafitemo inyungu yitwaje ko habayeho kugabanuka kw'agaciro k'umutungo, keretse bigaragaye ko ingurane itari ikwiye koko.

Nta na rimwe igikorwa cyo gutesha agaciro amasezerano y'ubuguzi yakozwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga gishobora kugira ingaruka ku muguzi mu gihe ihererekanyamutungo ryarangiye hitwajwe ko hari icyasabwaga

Article 17: Power of a trustee to sell and buy by auction

Where a trustee is vested with power for sale and buy of the property, he/she may sell or concur with any other person in selling all or any part of the property subject to prior charges either in whole or in lots, by public auction or by private contract, subject to any conditions the trustee deems necessary and relating to the title of the property or its evidence. He/she has also power to vary any contract for sale, to buy in at any auction, or to rescind any contract for sale and to resell, without being answerable for any loss.

Article 18: Powers to sell a property in case of depreciation of value

A sale made by a trustee shall not be nullified by beneficiary upon the ground that there was depreciation of the value of the property, unless it appears that the consideration was inadequate.

A sale made by a trustee shall not be nullified after the execution of the conveyance against the purchaser upon the ground that there was depreciation of the value of the property, unless it appears that the purchaser was acting in

Article 17: Pouvoir d'un fidéicommissaire de vendre et d'acheter aux enchères

Lorsqu'un fidéicommissaire est investi du pouvoir de vendre ou d'acheter des biens, il peut vendre ou s'associer avec une autre personne pour vendre la totalité ou une partie des biens, après paiement des frais, soit en tout ou en partie, par vente aux enchères publiques ou en accord avec le client, conformément à toute autre condition que le fidéicommissaire juge nécessaire eu égard au titre de propriété ou à la preuve du titre de propriété. Il a également le pouvoir de modifier tout contrat de vente, d'acheter à toute vente aux enchères ou de résilier tout contrat de vente et de revendre sans être tenu responsable de toute perte que ce soit.

Article 18: Pouvoir de vente des biens en cas de dépréciation de leur valeur

Aucune vente effectuée par un fidéicommissaire ne peut être annulée sur demande d'un bénéficiaire au motif de la dépréciation de la valeur des biens, à moins qu'il soit évident que la contrepartie a été inadéquate.

Aucune vente effectuée par un fidéicommissaire ne peut être annulée au détriment de l'acheteur, après l'acte de transfert de propriété, au motif de non respect des procédures requises qui auraient provoqué la dépréciation de la valeur du bien, à

kitabahirijwe cyatumye habaho igabanuka ry'agaciro k'umuntungo, keretse mu gihe bigaragara ko umuguzi yari yabyumvikanyeho mu buriganya n'ucunga iby'abandi w'umwuga mu gihe amasezerano y'ubuguzi yakorwaga.

Ingingo ya 19: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo gutanga inyemezabwishyu

Inyemezabwishyu yanditse itanzwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga igaragaza amafaranga, ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa undi mutungo wimukanwa cyangwa ikintu yishyuye, ahererekanyije cyangwa ahawe kubera ububasha bwo gucunga iby'abandi afite ni ikimenyetso gihagije ku muntu wishyuye, uhererekanyije umutungo cyangwa uwutanze kandi bimuvaniraho uburyozwe bwose bujyanye n'igihombo cyangwa ikoreshwa ribi ryawo.

Ingingo ya 20: Ububasha bwo gukusanya imyenda yishyurwa n'iyishyuzwa

Uhagarariye umuntu ku giti cye, cyangwa abacunga iby'abandi b'umwuga babiri cyangwa benshi bakorera hamwe bemerewe gukora ibikorwa mu mwanya w'abo bahagarariye, bashobora mu gihe bumva ko bikwiye-

- 1° kwakira umutungo uwo ari wo wose, wimukanwa cyangwa utimukanwa mbere y'uko igihe ugomba guhererekanywa cyangwa kwishyurirwa kigera;

collusion with the trustee at the time when the sale agreement was made.

Article 19: Powers of a trustee to issue receipts

The written receipt issued by a trustee which shows any money, stocks or other movable property or anything paid, transferred or delivered to him/her in the powers of trustee shall be a sufficient discharge to the person paying, transferring or delivering them and shall exonerate him/her being answerable for any loss or misuse thereof.

Article 20: Powers to deal with debtors and creditors

An agent, or two or more trustees acting together authorized to execute the trusts on behalf of the persons they represent, may, if deemed necessary:

- 1° accept any property, movable or immovable, before the time at which it is made transferable or payable;

moins qu'il apparaisse évident que l'acheteur ait agi de manière frauduleuse de concert avec le fidéicommissaire lors de la conclusion du contrat de vente.

Article 19: Pouvoir du fidéicommissaire d'émettre des récépissés

Le récépissé écrit d'un fidéicommissaire qui mentionne la somme d'argent, les titres ou autres biens meubles ou toute chose payés, transférés ou lui délivrés en vertu de tout pouvoir de fidéicommissaire, constitue une preuve suffisante de la personne qui paie, transfère ou livre les biens et la libère de toute responsabilité pour leur perte ou leur utilisation irrégulière.

Article 20: Pouvoir de collecter les dettes et les créances

Un représentant ou deux ou plusieurs fidéicommissaires agissant ensemble autorisés à exécuter les fiducies au nom des personnes qu'ils représentent, peuvent, s'ils le jugent opportun:

- 1° accepter tout bien, meuble ou immeuble avant la période de transfert ou de paiement;

Official Gazette n° 25 of 24/06/2013

- | | | |
|---|--|--|
| 2° gutandukanya cyangwa gucamo ibice amafaranga cyangwa umutungo w'ikigega wari wavanzwe; | 2° separate or break up any mixed trust funds or property; | 2° dissocier ou partager les fonds ou le patrimoine fusionné(s) de la fiducie; |
| 3° kwishyura cyangwa kwemera umwenda hagaragajwe ikimenyetso abona ko gihagije; | 3° pay or accept any debt on any evidence that they think sufficient; | 3° payer ou accepter toute dette sur base d'une preuve qu'ils jugent suffisante; |
| 4° kwemera ingwate iyo ari yo yose, yaba ku mutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa, ku mwenda uwo ari wo wose cyangwa mu mutungo uwo ari wo wose, waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa; | 4° accept any guarantee on any movable or immovable property, for any debt or for any movable or immovable property; | 4° accepter toute sûreté sur un bien meuble ou immeuble, pour toute créance ou tout bien meuble ou immeuble; |
| 5° kwemeza igihe icyo ari cyo cyose ko umwenda wakwishyurwa. | 5° accept any time for payment of any debt. | 5° accepter à tout moment qu'une dette soit remboursée. |

Ingingo ya 21: Ububasha bwo gukusanya amafaranga

Iyo inyandiko ishyiraho ikigega cyangwa itegeko byemerera abacunga iby'abandi b'umwuga kwishyura cyangwa gukoresha amafaranga y'ikigega ku mpamvu iyo ari yo yose cyangwa ku buryo ubwo ari bwo bwose, bafatwa buri gihe nk'abafite ububasha bwo gukusanya ayo mafaranga asabwa mu igurisha, igurana, ihamagara cyangwa igwaturiza by'umutungo w'ikigega cyangwa igice cyawo muri icyo gihe bafite uwo mutungo.

Icyakora, ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntibikurikizwa ku bacunga iby'abandi b'umwuga bacunga umutungo ugamije gufasha abatishoboye.

Article 21: Powers to raise money

Where the trust instrument or law authorizes trustees to pay or apply trust funds for any purpose or in any manner, they shall be deemed always to have had power to raise the money required by sale, conversion, public offer for subscription or pledge of all or any part of the trust property for the time being in possession of the assets.

However, the provisions of Paragraph One of this Article shall not apply to trustees of property held for charitable purposes.

Article 21: Pouvoir de collecter de l'argent

Lorsque un acte de fiducie ou une loi autorise les fidéicommissaires à payer ou à affecter les fonds de la fiducie à une fin quelconque ou de quelque façon que ce soit, ils sont toujours réputés avoir le pouvoir de collecter de l'argent exigé à la vente, à la conversion, à l'appel public de fonds ou de donner en garantie la totalité ou une partie des biens de la fiducie présentement en leur possession.

Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas aux fidéicommissaires administrant le patrimoine destiné à des fins caritatives.

Ingingo ya 22: Kurinda abaguzi n'abahawe ingwate bagirana amasezerano n'abacunga iby'abandi b'umwuga

Umuguzi cyangwa uhawe ingwate, wishyuye cyangwa utanze avansi y'amafaranga mu igurisha cyangwa mu masezerano y'ubugwate agirana n'abacunga iby'abandi b'umwuga, ntagira icyo aryozwa mu gihe amafaranga yatanze, ayasabwe cyangwa ayabonetse atangana n'ayifuzwaga.

Ingingo ya 23: Itangwa ry'ububasha

Ububasha buhawe abacunga iby'abandi b'umwuga babiri cyangwa benshi mu gihe kimwe bushobora gukoreshwa n'ababasimbuye by'agateganyo mu gihe bigishoboka kugeza igihe hazashyirirwaho abandi bacunga iby'abandi b'umwuga bashya.

UMUTWE WA IV: UBUBASHA BW'ABACUNGA IBY'ABANDI B'UMWUGA

Ingingo ya 24: Ububasha bwo gufata ubwishingizi

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora gufata ubwishingizi bw'inyubako cyangwa undi mutungo wose ku byakwangirika biturutse ku nkongi y'umuriro, hiyongereyeho ubundi bwishingizi bwaba busanzweho ku gaciro kose k'inyubako cyangwa umutungo akishyura amafaranga y'ubwishingizi ku mafaranga yinjiza cyangwa aturuka ku wundi mutungo w'ikigeza atabanje gusaba ko undi muntu waba afite

Article 22: Protection of purchasers and preferential creditors dealing with trustees

A purchaser or a preferential creditor, paying or advancing money on a sale or guarantee entered into with trustees, shall not be liable if any money granted, needed or raised is not proportional to that was expected.

Article 23: Devolution of powers

Power devolved to two or more trustees jointly, may be exercised by their temporary successors whenever possible until the appointment of new trustees.

CHAPTER IV: POWERS OF TRUSTEES

Article 24: Powers to subscribe insurance

A trustee may subscribe insurance against any loss or damage by fire for any building or other property, in addition to any existing insurance to cover the full value of the building or other property and pay the premiums for that insurance out of the income thereof or out of the income of any other property of the trust without obtaining the consent of any person who may be entitled wholly or partly to that property.

Article 22: Protection des acheteurs et des créanciers privilégiés traitant avec les fidéicommissaires

Un acheteur ou un créancier privilégié qui paie ou avance une somme d'argent lors d'une vente ou d'une convention de garantie avec les fidéicommissaires n'est pas tenu responsable lorsque l'argent octroyé, demandé ou collecté n'est pas proportionnel à l'argent escompté.

Article 23: Dévolution des pouvoirs

Le pouvoir conjointement conféré à deux ou plusieurs fidéicommissaires peut être exercé par leurs successeurs provisoires en cas de possibilité jusqu'à la nomination de nouveaux fidéicommissaires.

CHAPITRE IV: POUVOIRS DES FIDEICOMMISSAIRES

Article 24: Pouvoir de souscrire à une assurance

Un fidéicommissaire peut souscrire à une assurance pour un bâtiment ou un autre bien contre les pertes ou les dommages causés par un incendie en complément d'une assurance en cours pour couvrir la valeur totale du bâtiment ou du bien et payer les primes d'assurance sur les revenus de ce bâtiment ou de tout autre bien de la même fiducie sans devoir obtenir le consentement de quiconque aurait un droit absolu sur la totalité ou une partie de

uburenganzira busesuye kuri uwo mutungo cyangwa ku gice cyawo abyemera.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba inyubako cyangwa umutungo ucunga iby'abandi w'umwuga aba ategetswe guha nyirawo ku buryo busesuye mu gihe cyose abimusabye.

Ingingo ya 25: Inyungu zisubizwa, ibara n'igenzuramutungo

Iyo umutungo w'ikigega urimo umugabane cyangwa inyungu bitagengwa n'abacunga iby'abandi b'umwuga, cyangwa ibivuye mu igurishwa ry'uwo mutungo, cyangwa ikindi kintu kiri mu bikorwa, abacunga iby'abandi b'umwuga, mu gihe ari umugabane, inyungu cyangwa ibivuyemo bibaye ibyabo cyangwa bigomba kwishyurwa cyangwa guhererekanywa, bashobora:

- 1° kwemeza umubare cyangwa agaciro k'uwo mutungo mu buryo bumva ko bukwiye;
- 2° kwemera ko byishyurwa ku gaciro kari ku isoko cyangwa kagezweho cyangwa hakurikijwe uko agaciro kagenwe mu buryo bukwiye, ko haba ishoramari ryemewe;
- 3° kwemeza ko hakurwamo ibigomba kwishyurwa, ikiguzi n'ibindi byatanzwe babona ko bikwiye;

The provisions of Paragraph One of this Article shall not apply to any building or property which a trustee is bound immediately to transfer absolutely to any beneficiary upon being requested to do so.

Article 25: Reversionary interests, valuations and audit

If a trust property includes a share or interest not vested in the trustees, or the proceeds of the sale of any such property, or any other asset, the trustees, where the share, interest or proceeds fall into possession, or become payable or transferable, may:

- 1° determine the amount or value of the property in such manner as they may deem necessary;
- 2° accept to be paid at the market value or current value, or upon any estimate value which may be appropriate, for authorized investments;
- 3° allow deductions for duties, costs, charges and expenses which they may deem reasonable;

ce bien.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas à un bâtiment ou bien qu'un fidéicommissaire est tenu de transférer immédiatement sans réserve à un bénéficiaire dès que la demande lui en est faite.

Article 25: Intérêts réversibles, évaluations et audit

Lorsqu'un patrimoine d'une fiducie comprend une part ou un intérêt dont la gestion n'est pas conférée au fidéicommissaire, ou un produit d'une vente d'un bien d'un patrimoine ou tout autre bien, les fidéicommissaires, lorsque la part, l'intérêt ou le produit leur reviennent ou sont payables ou transférables aux tiers, peuvent:

- 1° déterminer la quantité ou la valeur du bien de la manière qu'ils estiment appropriée;
- 2° accepter de payer à la valeur du marché ou à la valeur actuelle, ou sur base d'une estimation de la valeur qu'ils jugent appropriée, pour les investissements autorisés;
- 3° permettre des déductions des droits, des coûts, des frais et des dépenses qu'ils jugent raisonnables;

Official Gazette n° 25 of 24/06/2013

4° kwemeza ko ahantu hakiriwe nta kibazo abari bahafite bagiranye n'ikigega mu bijyanye no kuharekura, batagize icyo baryozwa kijyanye n'ibyo bakoze muri urwo rwego nta buriganya.

4° confirm that premises received by the owners had no any issues with the trust in respect of any matters related to its release, without being responsible for any loss occasioned by any act performed by them in good faith.

4° confirmer que les possesseurs des locaux libérés n'avaient aucun problème avec la fiducie en rapport avec cette libération, sans être tenus responsables de tout préjudice occasionné par acte accompli de bonne foi.

Ingingo ya 26: Ububasha bwo gukorana n'abandi

Iyo umugabane utagabanyijwe mu byavuye mu igurisha ry'ubutaka bwategetswe kugurishwa cyangwa mu wundi mutungo byashyizwe mu kigega cyangwa bigize umutungo w'uraga cyangwa uzungurwa nta rage, abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa ababahagarariye ku giti cyabo bashobora kuragiza cyangwa gukoresha ububasha bafite mu bijyanye n'umugabane ufite isano n'abawufiteho uburenganzira cyangwa ku yindi migabane, n'ubwo umwe cyangwa abantu benshi mu bahagarariye abashoramari cyangwa abahagarariye abantu ku giti cyabo bashobora kuba bafite inyungu cyangwa bashaka kuyigira kuri uwo mugabane, baba bo ubwabo cyangwa bahagarariwe.

Ingingo ya 27: Ububasha bwo guhererekanya uburenganzira bw'ucunga iby'abandi w'umwuga uri mu mahanga

Ucunga iby'abandi w'umwuga uteganya kumara hanze y'u Rwanda igihe kirenze ukwezi ashobora, hatitawe ku biteganywa n'itegeko cyangwa ibisanzwe bikorwa, akoresheje itangabubasha,

Article 26: Powers to cooperate with others

If an undivided share in the proceeds of sale of land directed to be sold, or in any other asset falls into the trust property or forms part of the property of a testator or intestate, the trustees or the agents may delegate or exercise themselves any trust or power vested in them in relation to that share in conjunction with the persons entitled to or having power in that behalf over that other share or shares, and notwithstanding that any one or more investors or individual agents may be entitled to or interested in any such other share.

Article 27: Delegate of powers during the stay abroad

A trustee intending to stay out of Rwanda for a period exceeding one month may, notwithstanding any provisions of law or normal practice, by power of attorney, delegate to any

Article 26: Pouvoir de collaborer avec les autres

Lorsqu'une part indivise du produit de la vente des terrains affectés à la vente ou de tout autre bien tombe dans le patrimoine de la fiducie ou fait partie du patrimoine d'un testateur ou de l'intestat, les fidéicommissaires ou leurs représentants peuvent déléguer ou exercer eux-mêmes leurs pouvoirs sur le bien ou sur d'autres éléments relativement à cette part en collaboration avec les personnes ayant droit ou ayant le pouvoir à cette part bien qu'un ou plusieurs représentants d'un individu ou des investisseurs puissent ou veulent avoir un intérêt sur la part indivise.

Article 27: Pouvoir de déléguer les droits fiduciaires pendant le séjour à l'étranger

Un fidéicommissaire qui a l'intention de séjourner à l'extérieur du Rwanda pendant plus d'un mois peut, sans tenir compte des dispositions de la loi ou de toute pratique habituelle, déléguer par

guha undi muntu cyangwa abantu benshi uburenganzira bwo gukora ibyo asabwa muri icyo gihe atari mu Rwanda.

Icyakora, umuntu umwe ufatanyije n'ucunga iby'abandi w'umwuga wenyine utari isosiyete ikora uwo murimo ntashobora kwemererwa guhabwa ubwo burenganzira hakurikijwe ibiteganywa muri iri tegeko.

Ingingo ya 28: Ububasha bw'isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga bwo gufatanya n'abandi bakora uwo mwuga

Isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga ishobora gushyirwaho ngo icunge umutungo waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa hamwe n'indi sosiyete cyangwa undi muntu ku giti cye, bakorana nk'aho ari umuntu umwe.

Mu gihe isosiyete y'abacunga iby'abandi y'umwuga cyangwa umuntu ku giti cye cyangwa amasosiyete cyangwa abantu benshi bagize uburenganzira kuri uwo mutungo biturutse ku nyandiko yari gutuma habaho icungamutungo rihuriweho iyo iyo isosiyete iza kuba umuntu gatozi, bafatanyaga gucunga uwo mutungo.

Mu gihe isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga ifatanyije n'undi muntu umutungo isheshwe, uwo mutungo wegurirwa undi bari bawuhuriyeho.

person or a group of persons the duties during his/her absence from Rwanda.

However, a co-trustee other than a trust corporation shall not be given such right in accordance with the provisions of this Law.

Article 28: Power for a trust corporation to act jointly with other trustees

A trust corporation may be appointed to jointly manage the property, whether movable or immovable, with another trust corporation or with an individual, acting as one person.

Where a trust corporation or an individual or corporate entities or many individuals are entitled to any such property by virtue of any instrument which would have created a joint management, if this corporation had been an individual, they shall act jointly as trustees.

If a trust corporation is a joint tenant of property, a dissolution of the property shall devolve on the other joint tenant.

procuration à toute personne ou groupe de personnes, ses attributions durant son absence du Rwanda.

Toutefois, un seul co-fiduciaire qui n'est pas une société de fiducie ne peut pas se voir déléguer ce droit conformément aux dispositions de la présente loi.

Article 28: Pouvoir pour une société de fiducie d'agir conjointement avec d'autres fiduciaires

Une société de fiducie peut être nommée pour gérer conjointement les biens meubles ou immeubles avec une autre société de fiducie ou avec un individu, comme s'il s'agissait d'une seule personne.

Lorsqu'une société de fiducie ou un individu ou des sociétés ou plusieurs individus ont droit à ce bien en vertu d'un acte qui aurait dû créer une gestion commune si cette société avait été un individu, ils agissent conjointement comme fiduciaires.

Lorsqu'une société de fiducie est copropriétaire des biens et qu'elle fait l'objet de dissolution, ces biens sont dévolus à l'autre copropriétaire.

Ingingo ya 29: Kurindwa biturutse ku imenyekanisha

Ucunga iby'abandi w'umwuga cyangwa umuhagarariye ukorera ikigega kimwe cyangwa ikirenze kimwe, ntaryozwa ingaruka ziturutse ku nyandiko atabonye cyangwa ibyabaye cyangwa indi ngaruka bijyanye n'ikigega runaka mu gihe bigaragara ko nta buriganya bwabayeho.

Ingingo ya 30: Uburyozwe bw'abacunga iby'abandi b'umwuga

Ucunga iby'abandi w'umwuga abazwa amafaranga cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane yakiriye yaba yarasinze inyemezabwishyu ko yakiriye. Aryozwa kandi ibikorwa bye, uburangare bwe cyangwa amakosa ye, keretse iyo byateganyijwe ukundi mu masezerano ashiraho ikigega cyangwa itegeko. Ntaryozwa ibikorwa by'abandi bahagarariye abandi b'umwuga, banki, abahuza mu bucuruzi cyangwa undi muntu wabitswa amafaranga y'ikigega cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, byaba bidahagije cyangwa bifite inenge, cyangwa ikindi gihombo, keretse iyo bibayeho biturutse ku bushake bwe.

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora kwishyura we ubwe bitavuye mu mutungo w'ikigega ibyatanzwe byose byerekeranye n'ikoreshwa ry'ububasha ahabwa.

Article 29: Protection in regard to notice

A trustee or his/her agent acting for the purposes of one or more trusts shall not, in the absence of fraud, be liable of any effect from any notice which he/she did not receive or any fact or any other effect in relation to any particular trust.

Article 30: Liability for the trustees

A trustee shall be liable for funds and stocks received when he/she acknowledged by issuing a receipt. He/she shall be liable for his/her own acts, negligence, or defaults, unless provided for in the trust instrument or any law. He/she shall not be liable for the acts of any other trustees, banks, brokers, or other person with whom any trust money or securities may be deposited, nor for the insufficiency or deficiency of any securities, nor for any other loss, unless they happen through his/her own willful default.

A trustee may by reimburse not from the trust property all expenses incurred while exercising his/her powers.

Article 29: Protection contre une notification

Un fidéicommissaire ou son représentant agissant pour le compte d'une ou de plusieurs fiducies ne peut, en l'absence de fraude, être tenu responsable des effets d'une notification qu'il n'aurait pas reçue ou d'un fait ou d'un autre effet en rapport avec une fiducie spécifique.

Article 30: Responsabilité des fidéicommissaires

Un fidéicommissaire est tenu responsable de l'argent ou des titres côtés qu'il a reçus pour lesquels il a délivré un récépissé. Il est également tenu responsable, sauf disposition contraire prévue par l'acte de fiducie ou la loi, de ses propres actes, négligence ou fautes. Il n'est pas responsable des actes des autres fidéicommissaires, des banques, des courtiers ou autre personne auprès de qui des fonds ou des titres côtés de la fiducie ont été déposés, en raison soit de leur insuffisance, déficience, ou de toute autre perte, à moins que ces actes aient été causés par sa propre faute volontaire.

Un fidéicommissaire peut rembourser lui-même, sans prélever du patrimoine de la fiducie, tous les frais engagés relatifs à l'exercice de ses pouvoirs.

Ingingo ya 31: Ububasha bwo gukoresha umutungo w'umuntu utarageza imyaka y'ubukure no kuwukoresha mu ishoramari

Mu gihe abacunga iby'abandi b'umwuga bafite umutungo w'umuntu utarageza ku myaka y'ubukure cyangwa mu gihe uburenganzira bwe bugikomeza kuri uwo mutungo, bashobora kwishyura inyungu iturutse kuri uwo mutungo ababyeyi be, umwishingire we cyangwa nyir'ubwite ndetse bakita no ku nyungu zose zituruka kuri uwo mutungo uko babona bikwiye.

Iyo uwo muntu agejeje ku myaka y'ubukure atarabona inyungu iturutse kuri uwo mutungo, abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora kumwishyura inyungu yose cyangwa igice cyayo n'ibiyongereyeho byose kugeza igihe apfuye cyangwa igihe cy'inyungu cyarangiyeye.

Iyo inyungu z'uwo muntu zigikomeza, abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora gukoresha uwo mutungo wakusanyijwe cyangwa igice cyawo nk'aho ari inyungu yabonetse muri uwo mwaka barimo bagakusanya ibyasigaye byose kuri iyo nyungu bakabishora ndetse n'ibibikomokaho mu bigega by'ishoramari byemewe.

Ingingo ya 32: Ububasha bwo gukoresha umutungo w'ikigega

Igihe icyo ari cyo cyose, abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora kwishyura cyangwa gukoresha umutungo uri mu kigega, bazamura agaciro k'ikigega cyangwa batanga ibihembo, mu

Article 31: Powers to use and invest the property of an infant

If any property is held by trustees in trust for an infant or if the right continues on that property, trustees may pay proceeds from that property to the parents, guardian or him/herself and focus on any income of that property as appropriate.

If that person on attains the majority age and he/she has not obtained the proceeds from the property, the trustees may pay the whole or such part of interests and any proceeds generated from that property until he/she dies or interest period is over.

If the interests of that person so long continue, the trustees may use wholly or part of that collected property as if it was an income arising in the then current year, collect the residue of that income by investing it and the resulting income thereof from the authorized investment schemes.

Article 32: Powers to use the trust property

Trustees may at any time pay or use the trust property, for the advancement or granting benefit, in such manner as they may, in their absolute discretion, deemed necessary, to any

Article 31: Pouvoir d'utiliser et d'investir les biens d'un mineur

Lorsque les biens d'un mineur sont détenus par des fidéicommissaires ou aussi longtemps que son droit sur ces biens subsiste, les fidéicommissaires peuvent payer les produits provenant de ces biens à ses parents, à son tuteur ou au mineur lui-même, et également, s'occuper, en bon père de famille, de tous les produits générés par ces biens.

Lorsque cette personne atteint l'âge de la majorité alors qu'elle n'a pas obtenu les produits provenant de ces biens, les fidéicommissaires peuvent lui verser la totalité ou une partie des intérêts et tous les produits des biens jusqu'à ce qu'elle décède ou au terme de la période de placement.

Si les intérêts de cette personne subsiste, les fidéicommissaires peuvent utiliser ces biens rassemblés comme s'il s'agissait d'un revenu produit durant l'année courante, collecter et placer le reliquat et le revenu qui en provient dans les fonds d'investissement autorisés.

Article 32: Pouvoir d'utiliser les biens de la fiducie

Les fidéicommissaires peuvent, à tout moment et à leur entière discrétion et de la manière qu'ils peuvent juger appropriée, payer ou affecter les biens assujettis à la fiducie pour les fructifier ou

bushishozi bwabo kandi no mu buryo babona ko bukwiye ku muntu wese ufite uburenganzira kuri uwo mutungo w'ikigega cyangwa ku mugabane wawo.

Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byubahirizwa mu gihe umutungo w'ikigega ari amafaranga cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa ibintu by'ikigega bigenewe kugurishwa, ihamagara mu kigega cyangwa guhindurirwa icyiciro, kandi bene uwo mutungo cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa ibyavuye mu igurisha, mu kwishyurwa cyangwa guhindurwa ntabwo amategeko abifata nk'ubutaka.

Ingingo ya 33: Ikigega cyihariye kirinda umutungo

Inyungu, yaba iya buri mwaka cyangwa indi nyungu yagenwe mu gihe cyumvikanyweho, iturutse ku mutungo washowe ishyirwa mu kigega cyihariye cyagenewe kurinda uwo mutungo mu nyungu z'umuntu yagenewe w'ibanze, byaba mu gihe kingana n'ubuzima bwe bwose cyangwa igihe gito kuri icyo.

Ingingo ya 34: Uburyo abacunga iby'abandi b'umwuga bashyirwaho bakanakurwaho

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga w'ibanze cyangwa waje asimburwa undi, yaba yarashyizweho n'urukiko cyangwa ku bundi buryo, apfuye, cyangwa agiye hanze y'u Rwanda mu gihe kirenze amezi cumi n'abiri (12), cyangwa ashatse

person entitled to the trust property or to any part thereof.

The provisions of the Paragraph One of this Article apply only where the trust property consists of funds or stocks or of property purported for sale, public offer for subscription and conversion and that property or stocks or the proceeds of the sale, as payment and conversion means are not by law considered as land.

Article 33: Specific protective trust fund of assets

Any income, including an annuity or other periodical income payment derived from the invested assets, shall be put on a specific protective trust fund of assets for the benefit of the principal beneficiary for the period of his/her life or for any short period.

Article 34: Modalities of appointment and removal of trustees

Where a trustee or his/her placement, and whether appointed by a court or otherwise, is dead, or is out of Rwanda for more than twelve (12) months, or desires to be discharged from all or any of the powers conferred on him/her,

octroyer du bénéfice à toute personne qui a droit à ces biens ou à une part de ces biens.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent que lorsque les biens de la fiducie consistent en argent ou en titres côtés ou en biens de la fiducie destinés à la vente, à l'appel public de fonds ou à la conversion et que ce genre de biens ou titres côtés ou le produit de la vente ou objet de remboursement ou de la conversion ne sont pas en vertu de la loi considérés comme terrain.

Article 33: Fiducie spécifique de protection d'actifs

Un revenu annuel ou payable à une période convenue provenant d'actifs investis est placé dans une fiducie spécifique de protection d'actifs au profit d'une personne qui en est le principal bénéficiaire soit pour la durée de sa vie soit pour une autre période plus courte.

Article 34: Modalités de nomination et de révocation des fidéicommissaires

Lorsqu'un fidéicommissaire nommé initialement ou en remplacement, qu'il soit nommé par une juridiction ou autrement, est décédé ou s'absente du Rwanda pendant plus de douze (12) mois ou désire être déchargé de la totalité ou d'une partie

kuvanirwaho ububasha bwose cyangwa bumwe yari afite, yanze gukora cyangwa atabikwiriye, cyangwa atabishoboye, cyangwa atarageza ku myaka y'ubukure, muri icyo gihe, abateganyijwe mu nyandiko ishyiraho ikigega cyangwa iyo ntabateganyijwe cyangwa akaba ntawe muri bo ushaka kubikora cyangwa ubishoboye, muri icyo gihe, abacunga iby'abandi b'umwuga bakiriho cyangwa uhagarariye umwe muri bo waba ukiriho, ashobora, abikoze mu nyandiko, gushyiraho umuntu umwe cyangwa benshi ngo babe abacunga iby'abandi b'umwuga mu mwanya w'uwabikoraga.

Ingingo ya 35: Kongera abacunga iby'abandi b'umwuga

Iyo hashyizweho ucunga iby'abandi w'umwuga wo gucunga umutungo wose w'ikigega cyangwa igice cyawo:

- 1° umubare w'abacunga iby'abandi b'umwuga ushobora kongerwa, hitawe ku biteganywa n'iri tegeko birebana n'umubare ntarengwa w'abacunga iby'abandi b'umwuga;
- 2° irindi tsinda ry'abacunga iby'abandi b'umwuga rishobora gushyirwaho ku bijyanye n'igice icyo ari cyo cyose cy'ikigega gicungwa mu buryo butandukanye n'ubw'ibindi bice by'umutungo w'ikigega.

Ntibyemewe gushyiraho ucunga iby'abandi

refuses or is unfit to act therein, or is incapable of acting therein, or is an infant, the persons nominated by the trust instrument, or if there is no such persons, or any among such persons is able or willing to act, the surviving or continuing trustees, or the agent of the last surviving or continuing trustee may, in writing, appoint one or more other persons to be a trustee or trustees in lieu of the original trustee.

Article 35: Appointment of additional trustees

If a trustee is appointed for the whole or part of the trust property:

- 1° the number of trustees may increase subject to the provisions of this Law on the maximum number of trustees;
- 2° a separate group of trustees, may be appointed for any part of the trust property managed on different basis from that relating to any other part or parts of the trust property;

A single person shall not be appointed as a

des pouvoirs qui lui ont été conférés, refuse d'agir, est inapte à agir ou incapable d'agir, ou est mineur, les personnes nommées par l'acte de la fiducie ou en l'absence de telles personnes ou si personne parmi celles nommées n'est capable ou désireuse d'agir, les fidéicommissaires survivants ou restants à l'époque considérée ou le représentant du dernier fidéicommissaire survivant ou restant peut nommer par écrit une ou plusieurs personnes devant jouer le rôle de fidéicommissaire en lieu et place du fidéicommissaire initial.

Article 35: Nomination de fidéicommissaires supplémentaires

En cas de nomination d'un fidéicommissaire pour la totalité ou une partie du patrimoine:

- 1° le nombre de fidéicommissaires peut être majoré, sous réserve des dispositions de la présente loi sur l'effectif maximum des fidéicommissaires;
- 2° un groupe distinct de fidéicommissaires peut être nommé pour n'importe quelle partie du patrimoine de la fiducie tenue de manière différente de celle en rapport avec d'autres parties du patrimoine de la fiducie.

Il est interdit de nommer un fidéicommissaire

w'umwuga umwe, utari isosiyete ikora uwo murimo.

Ingingo ya 36: Ihagarika ry'akazi k'ucunga iby'abandi w'umwuga

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga asabye guhagarika imirimo ye afatwa ko yasezeye kandi ko yavaniweho inshingano biturutse ku nyandiko yakoze. Muri icyo gihe hashyirwaho isosiyete ikora uwo murimo cyangwa nibura abantu babiri bo gukorera ikigega iyo mirimo.

Ucunga iby'abandi w'umwuga wakuwe ku kazi ke, wagiye mu kiruhuko cy'izabukuru cyangwa wirukanywe akomeza gukurikiranwa ku bikorwa yaba yakoze agicunga iby'abandi binyuranyije n'amategeko shingiro y'ikigega cyangwa n'itegeko.

Mbere y'uko akurwa ku kazi ke, ucunga iby'abandi w'umwuga agomba gukora ihererekanya n'ucunga iby'abandi w'umwuga umusimbuye kandi atabikora, urukiko rukaba rwashyiraho ubikora mu gihe uwo musimbura ataratangira akazi ke.

UMUTWE WA V: UBUBASHA BW'URUKIKO

Ingingo ya 37: Ububasha bw'urukiko bwo gushyiraho abacunga iby'abandi b'umwuga bashya

Urukiko rushobora, mu gihe rubona bikwiye,

trustee, except a trust corporation.

Article 36: Suspension of duties by a trustee

If a trustee is request to suspend duties, he/she shall be deemed to have resigned and discharged from by means of an instrument he/she made. In that case, there will be either a trust corporation or at least two individuals to perform the trust as trustees.

A trustee who has been discharged, retired or dismissed shall remain liable for the acts committed while a trustee of breach of trust instrument or the law.

Prior to being discharged, a trustee shall vest the trust property in the new trustee and, failure to do it, the court shall appoint someone else to do the duty before the new trustee starts work.

CHAPTER V: COMPETENCE OF COURT

Article 37: Competence of the court to appoint new trustees

A court may, whenever necessary, appoint a

unique autre qu'une société de fiducie.

Article 36: Suspension de fonctions d'un fidéicommissaire

Lorsqu'un fidéicommissaire désire quitter ses fonctions, il est réputé avoir démissionné et relevé de ses fonctions à partir de l'acte écrit qu'il a fait. Dans ce cas, il est nommé une société de fiducie ou au moins deux individus devant agir comme fidéicommissaire pour gérer la fiducie.

Un fidéicommissaire qui a été relevé de ses fonctions, qui prend sa retraite ou qui est démis d'office demeure responsable des actes contraires à l'acte de fiducie ou à la loi posés dans ses fonctions.

Avant d'être relevé de ses fonctions, le fidéicommissaire doit procéder à la remise et reprise avec le nouveau fidéicommissaire et, à défaut de le faire, la juridiction nomme une tierce personne qui exécute cette tâche avant que le nouveau fidéicommissaire n'entre en fonction.

CHAPITRE V: COMPETENCE JURIDICTIONNELLE

Article 37: Compétence de la juridiction de nommer de nouveaux fidéicommissaires

Une juridiction peut, chaque fois qu'il est

gushyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bacunga iby'abandi b'umwuga. Mu gihe bidashoboka mu buryo busanzwe, rutabifashijemo, rufata icyemezo cyo gushyiraho umuntu mushya cyangwa abantu bashya bacunga iby'abandi b'umwuga baba basimbura cyangwa biyongera ku bari bahari cyangwa nta n'umwe uhari.

By'umwihariko kandi bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 36, urukiko rushobora gufata icyemezo gishyiraho ucunga iby'abandi w'umwuga mushya usimbura undi wahamwe n'icyaha, wagize ibibazo byo mu mutwe cyangwa wananiwe akazi, wahombye cyangwa ari isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga irimo guseswa cyangwa yaseshwe.

Ingingo ya 38: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga mushya ushyizweho n'urukiko

Ucunga iby'abandi w'umwuga wese ushyizweho n'urukiko rubifitiye ububasha agomba mbere cyangwa nyuma y'uko ashakirizwa umutungo w'ikigega ku bw'itegeko, kugira ububasha n'ubushobozi nk'iby'uwashyizweho w'ibanze n'inyandiko yashyizeho ikigega, iyo iriho.

Ingingo ya 39: Gusimbura ucunga iby'abandi w'umwuga washyizweho n'urukiko

Iyo bigaragaye ko ucunga iby'abandi w'umwuga adashobora kuboneka, ari isosiyete ikaba

trustee or trustees. If it is difficult to do so in normal circumstance, a court may decide to appoint a new trustee or new trustees either in substitution for or in addition to any existing trustees or if there is no existing trustee.

In particular and without prejudice to the provisions of Article 36, the court may make an order appointing a new trustee in substitution for a trustee who is convicted of an offense, mental ill or incapable to perform his/her duties, is a bankrupt, or is a trust corporation which is into liquidation or has been dissolved.

Article 38: Powers of a new trustee appointed by the court

A trustee appointed by a competent court shall, before or after the trust property is vested in him/her by the law, have the same powers and authority as of the initial trustee appointed by the trust instrument, if any.

Article 39: Replacement of a trustee appointed by the court

If a trustee is unavailable, or a trust corporation is dissolved or no longer able to fulfill the

opportun, nommer un ou plusieurs fidéicommissaires. S'il est difficile de le faire régulièrement, elle peut décider de nommer un ou plusieurs nouveaux fidéicommissaires en remplacement ou en complément des fidéicommissaires existants ou s'il n'y a aucun fidéicommissaire.

En particulier et sans préjudice des dispositions de l'article 36, la juridiction peut rendre une ordonnance nommant un nouveau fidéicommissaire en remplacement d'un fidéicommissaire condamné pour infraction, atteint d'une maladie mentale ou qui est incapable d'agir, déclaré en faillite ou en état de liquidation ou qui a été dissoute dans le cas d'une société de fiducie.

Article 38: Pouvoirs d'un nouveau fidéicommissaire nommé par la juridiction

Tout fidéicommissaire nommé par une juridiction compétente doit, avant ou après que le patrimoine en fiducie lui ait été dévolu par la loi, avoir les mêmes pouvoirs et la même autorité que le fidéicommissaire initial nommé par l'acte de la fiducie, s'il y en a un.

Article 39: Remplacement d'un fidéicommissaire nommé par la juridiction

Lorsqu'un fidéicommissaire ne peut pas être disponible et, en cas d'une société, qu'elle a été

yarasheshwe cyangwa bigaragara ko atagishoboye kuzuza inshingano ze hashingiwe ku nyandiko ishyiraho ikigega, urukiko rushobora gufata icyemezo giha undi muntu rubona ko abikwiye ububasha bwo guhererekanya inyandiko zicuruzwa cyangwa kwakira inyungu ku migabane cyangwa ibindi biyiturukaho.

Ingingo ya 40: Ububasha ku mutungo w'ibigega byashyiriweho inshingano zihariye

Ububasha butangwa n'iri tegeko mu byerekeye itangwa ry'ibyemezo bitanga ububasha ku nyungu iyo ariyo yose ku mutungo utimukanwa, ibicuruzwa cyangwa ikindi kintu mu kigega cyashyiriweho kurangiza inshingano zihariye, cyangwa isosiyete urukiko rwaba rufiteho ububasha buturuka ku kirego cyatanzwe mu nzira nyayo, ucunga iby'abandi w'umwuga yaba yarashyizweho n'inyandiko ishyiraho ikigega cyangwa n'urukiko bigendeye ku bubasha rusange cyangwa bw'itegeko agira ububasha kuri uwo mutungo.

Ingingo ya 41: Ububasha bw'urukiko bwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha umutungo w'ikigega mu bucuruzi

Iyo, mu gihe cyo gucunga umutungo waragijwe abacunga iby'abandi b'umwuga, urukiko rubona ko igurisha, ikodesha, igwaturiza, isubizwa, itangwa, igura, ishoramari, iyishyurwa ry'amafaranga cyangwa ikindi gikorwa cy'ubucuruzi ari cyo gikwiye gukorwa, ariko rukabona ko bidashoboka kubera ko nta bubasha

obligations as provided under the trust instrument, the court may order to vest in other capable person the right to transfer securities or to receive the dividends on shares or proceeds thereof.

Article 40: Powers on the trusts assets for specified purposes

The powers conferred by this Law as to issuing orders for vesting any interest in immovable property, stocks or any other trust assets established for specified purpose or a society over which the court would have jurisdiction upon legal action duly filed, the trustee whether appointed by the trust instrument or by the court under its general or statutory jurisdiction shall have the powers over the property.

Article 41: Powers of the court to authorize the use of the trust property for commercial purposes

Where, in the management of any property vested in trustees, any sale, lease, guarantee, surrender, donation, purchase, investment, reimbursement or other transaction, is in the opinion of the court deemed necessary, but cannot be effected by reason of the absence of powers for that purpose vested in the trustees by

dissoute ou s'il apparaît qu'il ne peut plus remplir ses obligations prévues par l'acte de fiducie, la juridiction peut rendre une ordonnance donnant à une autre personne qu'elle estime capable le droit de transférer les titres ou de recevoir les dividendes sur les actions ou les autres produits.

Article 40: Pouvoirs sur les biens des fiducies ayant des objectifs spécifiques

Les pouvoirs conférés par la présente loi en ce qui concerne les actes de délégation de pouvoirs sur les bénéfices générés par les biens immobiliers, les titres ou par tout autre bien de la fiducie destiné à atteindre un objectif spécifique ou à une société sur laquelle la juridiction aurait compétence en cas d'une action dûment intentée, le fidéicommissaire qu'il soit nommé par l'acte de fiducie ou par une juridiction en vertu de sa compétence générale ou spécifique a le pouvoir sur ces biens.

Article 41: Pouvoir de la juridiction d'autoriser l'usage des biens de la fiducie à des fins commerciales

Lorsque, au cours de l'administration des biens confiés à des fidéicommissaires, la juridiction constate qu'une vente, un bail, une garantie, une rétrocession, une libéralité ou un achat, un investissement de fonds, un remboursement en numéraire ou une autre transaction jugée opportune ne peut pas être effectuée à cause de

abacunga iby'abandi b'umwuga bafite bwo kubikora, inyandiko ishyiraho ikigeza itarabiteganyije, mu gihe ihari, cyangwa biturutse ku mategeko, urukiko rushobora guha ububasha rusange cyangwa ububasha budasanze abacunga iby'abandi b'umwuga kugira ngo bakore icyo gikorwa gikwiye, urukiko rugena ibyo rubona bigomba kwitabwaho kandi rushobora no kugena uburyo amafaranga agomba kwishyurwamo cyangwa aho agomba kuva hagati y'imari shingiro n'ibyinjiye.

Kuregera urukiko mu bijyanye n'iyi ngingo bishobora gukorwa n'abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa umwe muri bo cyangwa se undi muntu wese ubifitemo inyungu.

Ingingo ya 42: Abafite uburenganzira bwo kwiyambaza urukiko

Umuntu wese ufite inyungu ku birebana n'umutungo w'ikigeza cy'ubwizerane, ashobora kwiyambaza urukiko kugira ngo rugaruze umutungo w'ikigeza watanze, wakuwemo cyangwa watanzweho ingwate mu buryo butubahirije inyandiko ishyiraho ikigeza cy'ubwizerane cyangwa ikindi cyose kibangamira ikigeza cy'ubwizeranane kinyuranyije n'iri tegeko.

Ingingo ya 43: Ububasha bwo gukura ibyatanzwe mu mutungo w'ikigeza

Urukiko rushobora gutegeka ko ibyatanzwe ku kirego gisaba icyemezo cy'urukiko gishyiraho

the trust instrument, if any, or by Law, the court may confer upon the trustees either general or particular powers for that purpose, as the court may deem necessary, and may direct in what manner any money authorized to be paid or borne as between share capital and income.

Any legal action to the court under this Article may be filed by the trustees, any of them or any other interested person.

Article 42: Persons entitled to refer matters to the court

Any interested person to the trust property may request the court to recover the trust property that has been given, removed or provided as guarantee contrary to the trust instrument or any other thing that may jeopardize the trust contrary to this Law.

Article 43: Powers to charge costs on the trust property

A court may order the costs and expenses of and incidental to a legal action for an order

l'absence de pouvoirs dévolus à cette fin aux fidéicommissaires par l'acte de fiducie, s'il en existe un, ou par la loi, la juridiction peut conférer aux fidéicommissaires les pouvoirs en termes généraux ou particuliers nécessaires à cette fin et préciser comment l'argent doit être payé ou sa source entre le capital social et les produits.

Une requête auprès de la juridiction en vertu du présent article peut être introduite par les fidéicommissaires ou par l'un d'eux ou par toute autre personne intéressée.

Article 42: Personnes ayant le droit de recourir à la juridiction

Toute personne intéressée au patrimoine de la fiducie peut saisir la juridiction en vue de recouvrer un bien de la fiducie donné, enlevé ou constitué en garantie contrairement à l'acte de fiducie ou pour toute autre chose susceptible de compromettre la fiducie en violation de la présente loi.

Article 43: Pouvoir de prélever des frais sur les biens de la fiducie

Une juridiction peut ordonner que tous les frais occasionnés par une requête sollicitant une

ucunga iby'abandi w'umwuga mushya cyangwa icyemezo gitanga ububasha bikusanywa bigakurwa mu mutungo urebwa n'icyo cyemezo cyangwa mu byo uwo mutungo winjiza.

UMUTWE WA VI: ABAKOZI, ABAHAGARARIYE ABANDI N'ABABITSI B'UMUTUNGO

Ingingo ya 44: Ububasha bwo gukoresha abakozi

Abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa abahagarariye abantu ku giti cyabo, aho gukora ubwabo, bashobora gukoresha no kwishyura umukozi, yaba avoka, banki, umuhuza mu bucuruzi cyangwa undi muntu, ngo bakore igikorwa runaka cy'ubucuruzi cyangwa ikindi gikorwa gisabwa mu gukora imirimo y'ikigega, cyangwa gucunga umutungo washyizwe mu irage.

Abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa abahagarariye abantu ku giti cyabo bashobora gushyiraho umuntu wese ngo abakorere akazi kajyanye no kugurisha, guhindura, gukusanya, kwinjiza umutungo, gushyira mu bwishingizi, gucunga no guhingisha cyangwa gukoresha mu bundi buryo umutungo uwo ari wo wose w'ibintu bwite cyangwa w'uburenganzira ku bintu, waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa, uri mu bigize ikigega cyangwa wasizwe mu irage cyangwa nta rage, ahantu hose hanze y'u Rwanda.

appointing a new trustee or for a vesting order to be charged out of the trust property in respect whereof it is made, or out of the income thereof.

CHAPTER VI: EMPLOYEE, NOMINEES, AGENTS AND CUSTODIANS

Article 44 Powers to employ an employee

Trustees or agents may, instead of acting personally, employ and pay an employee, whether an advocate, bank, broker or other person, to transact any business or do any act required in the execution of the trust or the administration of the testator's property.

Trustees or agents may appoint any person to act on their behalf for selling, converting, collecting, acquiring, subscribing assurances, managing and cultivating or otherwise administering any property or right to movable or immovable property, part of the trust or testators or intestate's property, in any place outside of Rwanda.

ordonnance de nomination d'un nouveau fidéicommissaire ou une ordonnance de délégation de pouvoirs soient collectés et prélevés sur les biens concernés par cette ordonnance ou sur les revenus de ces biens.

CHAPITRE VI: EMPLOYE, REPRESENTANTS ET DEPOSITAIRES

Article 44: Pouvoir d'employer les employés

Au lieu d'agir en personne, les fidéicommissaires ou leurs représentants peuvent employer et payer un employé, qu'il soit un avocat, une banque, un courtier ou toute autre personne pour accomplir un acte de commerce ou tout acte nécessaire à l'administration de la fudicie ou à la gestion de la succession du testateur.

Les fidéicommissaires ou les représentants peuvent nommer toute personne agissant en leur nom aux fins de vendre, convertir, rassembler, acquérir, souscrire une assurance, gérer, cultiver ou d'administrer autrement tout bien ou droit réel sur un meuble ou immeuble assujetti à la fiducie ou faisant partie de la succession du testateur ou de l'intestat, partout en dehors du Rwanda.

Ingingo ya 45: Ububasha bwo gushyiraho uhagarariye abandi

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora:

- 1° gushyiraho umuntu wo gukora nk'umuhagarariye mu bikorwa bijyanye n'umutungo runaka w'ikigega, uko yabigenyeye;
- 2° gukora ibyangombwa byose kugira ngo yizere ko uwo mutungo ucungwa n'umuntu washyizweho muri ubwo buryo.

Ishyirwa mu mirimo riteganywa muri iyi ngingo rigomba kugaragazwa n'inyandiko.

Ibiteganywa n'iyi ngingo ntibireba ikigega gifite umubitsi wacyo cyangwa umutungo ucungwa n'umubitsi wemewe w'ibikorwa by'ubugiraneza.

Ingingo ya 46: Ububasha bwo gushyiraho ababitsi b'umutungo

Abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora gushyiraho ushinzwe kubika umutungo w'ikigega mu mutekano n'inyandiko zigaragaza uwo mutungo.

Ishyirwaho ry'umubitsi w'umutungo rigomba kugaragazwa n'inyandiko.

Article 45: Powers to appoint an agent

A trustee may:

- 1° appoint a person to act as his/her agent in relation to any trust property as he/she shall determine;
- 2° take necessary measures to ensure that property is managed by that person so appointed.

The appointment under this Article shall be put in writing.

The provisions of this Article shall not apply to any trust having its own custodian or in relation to any property vested in the official custodian for charities.

Article 46: Powers to appoint custodians

Trustees may appoint a custodian in order to ensure the safe custody of the trust property and that of documents evidencing such property.

The appointment of a custodian shall be put in writing.

Article 45: Pouvoir de nommer un représentant

Un fidéicommissaire peut:

- 1° nommer une personne pour agir comme son représentant dans les activités relatives au patrimoine quelconque de la fiducie, selon son jugement;
- 2° prendre les mesures nécessaires pour s'assurer que ce patrimoine est géré par la personne ainsi nommée.

La nomination visée au présent article doit être constatée par écrit.

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas à une fiducie ayant son propre dépositaire ou aux biens administrés par un dépositaire agréé de biens des organisations caritatives.

Article 46: Pouvoir de nommer les dépositaires

Les fidéicommissaires peuvent nommer une personne agissant comme dépositaire des biens de la fiducie et des documents constatant le droit sur ces biens.

La nomination d'un dépositaire doit être constatée par écrit.

Ingingo ya 47: Ishoramari mu nyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zishyurwa uzitwaje

Iyo abacunga iby'abandi b'umwuga bashoye imari mu nyandiko zicuruzwa zishyurwa uzitwaje, bagomba gushyiraho umuntu ushinzwe gucunga izo nyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, bikoze mu nyandiko.

Ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibyubahirizwa iyo inyandiko ishira ikigega cyangwa andi mategeko akigenga bikubiyemo ingingo yemera ko abacunga iby'abandi b'umwuga bacunga cyangwa bashora inyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zishyurwa uzitwaje badashyizeho umubitsi wazo.

Ibiteganywa muri iyi ngingo ntibireba ikigega gifite umubitsi wacyo cyangwa umutungo ucungwa n'umubitsi wemewe w'ibikorwa by'ubugiraneza.

Ingingo ya 48: Abantu bashobora gushyirwaho nk'abahagarariye abandi cyangwa ababitsi b'umutungo

Kugira ngo umuntu ashirweho nk'uhagarariye abandi cyangwa umubitsi w'umutungo agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° kuba asanzwe akora imirimo ijyanye no guhagararira abandi cyangwa y'ububitsi;

Article 47: Investment in bearer stocks

If trustees invest in bearer stocks, they shall appoint in writing a person to act as a custodian of those bearer stocks.

The provisions of Paragraph One of this Article shall not apply if the trust instrument or other laws governing the trust contain a provision which permit the trustees to manage or invest in bearer stocks without appointing a custodian.

Provisions of this Article shall not apply to any trust having its own custodian or in relation to any property vested in the official custodian for charities.

Article 48: Persons who may be appointed as agents or custodians

For a person to be appointed as an agent or a custodian, he/she shall the following conditions:

- 1° to be already engaged in the business which consists of acting as an agent or a custodian;

Article 47: Investissement dans les titres au porteur

Si les fidéicommissaires investissent dans des titres au porteur, ils doivent nommer par écrit une personne agissant comme dépositaire de ces titres.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas si l'acte de fiducie ou d'autres lois régissant la fiducie contiennent une disposition qui autorise les fidéicommissaires à gérer ou à investir dans les titres au porteur sans toutefois nommer un dépositaire.

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas à une fiducie ayant son propre dépositaire ou aux biens administrés par un dépositaire agréé de biens des organisations caritatives.

Article 48: Personnes pouvant être nommées comme représentants ou dépositaires

Pour être nommé représentant ou dépositaire, il faut remplir les conditions suivantes:

- 1° jouer habituellement le rôle de représentant ou de dépositaire;

Official Gazette n° 25 of 24/06/2013

2° kuba ari isosiyete igenzurwa n'abacunga iby'abandi b'umwuga;

2° to be a body corporate which is controlled by the trustees;

2° être une société qui est contrôlée par les fidéicommissaires;

3° kuba ari isosiyete yemewe n'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane.

3° to be a body corporate recognized under the Law regulating capital market.

3° être une société reconnue conformément à la loi portant régulation du marché des capitaux.

Ingingo ya 49: Gukurikirana abakozi, abahagarariye abandi n'ababitsi b'umutungo

Article 49: Monitoring of employees, agents and custodians

Article 49: Faire le suivi des employés, des représentants et des dépositaires

Mu gihe umukozi, uhagarariye ucunga iby'abandi w'umwuga cyangwa umubitsi w'umutungo akomeje gukorera ikigega, abacunga iby'abandi b'umwuga bagomba gukomeza gukurikirana amasezerano bagiranye na bo bakanareba uko agenda ashwirwa mu bikorwa.

While an employee, agent or custodian continues to act for the trust, the trustees shall monitor the agreements made with them and how those agreements are being implemented.

Lorsqu'un employé, un représentant ou un dépositaire continue à travailler pour la fiducie, les fidéicommissaires doivent assurer le suivi des accords conclus avec eux et de leur exécution.

Abacunga iby'abandi b'umwuga bafite ububasha bwo kubahagarika cyangwa kubirukana muri iyo mirimo.

The trustees shall have powers to suspend or remove them.

Les fidéicommissaires ont le pouvoir de les suspendre ou de les révoquer.

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 50: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 50: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 50: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 51: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 51: Repealing provision

Article 51: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 52: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 25/3/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 52: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/3/2013

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 52: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/3/2013

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu est scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux